**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Ubuyozi Bukuru bw' Ingabo z'u Rwanda (RDF HQs)**
**Ishami rishinzwe Abakozi (J1 Department)**
**PO Box 85 KIGALI**

**ITANGAZO KU BIFUZA KWINJIRA MU NGABO Z'U RWANDA**

1. Ubuyobozi bukuru bw' Ingabo z'u Rwanda buramenyesha Abanyarwanda bose bifuza kwinjira mu ngabo z'u Rwanda ku rwego rw'abasirikare bato ko batangira kwiyandikisha mu biro by'umurenge babarurirwamo guhera tariki ya **08 kugeza kuwa 12 Gashyantare 2021**.

2. Abiyandikisha ni abasore n'inkumi bujuje ibi bikurikira:

   a. Kuba uri Umunyarwanda;
   b. Kuba ufite imyaka 18 kandi utarengeje 23;
   c. Kuba ufite ubuzima buzira umuze bikemezwa na muganga wemewe na Leta;
   d. Kuba utarakatiwe n'inkiko;
   e. Kuba utarigeze wirukanwa mu mirimo ya Leta kereka gusa waba warakuweho ubwo busembwa;
   f. Kutagaragara ku rutonde rw'abirukanywe mu mirimo ya Leta;
   g. Kuba uri indakemwa mu mico no mu myifatire;
   h. Kuba ufite ubushake bwo kwinjira mu Ingabo z'u Rwanda;
   i. Kuba uri ingaragu;
   j. Kuba wararangije nibura amashuri atatu yisumbuye (S3 and above);
   k. Gutsinda ibizamini bizatangwa.

3. Abiyandikisha basabwa kwitwaza ibi bikurikira:

   a. Indangamuntu;
   b. Icyemezo cyerekana ko warangije nibura amashuri atatu yisumbuye (O Level Certificate);
   c. Icyemezo cy' Ubudakemwa mu mico no mu myifatire gitangwa n'ubuyobozi bw'Umurenge;
   d. Icyemezo cyo kuba utarakatiwe n'inkiko.

4. Abiyandikishije bazakora ibizamini by'ijonjora kuva kuwa 13 kugeza kuwa 20 Gashyantare 2021 saa mbiri za mu gitondo aha hakurikira:

   a. **Mu mujyi wa Kigali** ni kuri 18 Gashyantare 2021 mu karere ka Kicukiro kuri Sitade ya IPRC Kicukiro. Mu karere ka Gasabo ni kuri 19 Gashyantare kuri Sitade ya ULK. Mu karere ka Nyarugenge ni kuwa 20 Gashyantare kuri Sitade ya Kigali i Nyamirambo.

b. **Intara y'Amajyaruguru**, akarere ka Gicumbi ni kuwa 13 Gashyantare 2021 kuri Sitade ya Gicumbi. Mu karere ka Burera ni kuwa 14 Gashyantare 2021 ku biro by'akarere. Mu karere ka Musanze ni kuwa 15 Gashyantare kuri Stade Ubworoherane. Mu karere ka Gakenke kuwa 16 Gashyantare 2021 ku kibuga cy'umupira cya Ngando. Mu karere ka Rurindo ni kuwa 17 Gashyantare ku kibuga cya Gasiza.

c. **Mu ntara y'Amajyepfo**, mu karere ka Nyamagabe, ni kuwa 13 Gashyantare 2021 kuri Sitade ya Nyamagabe. Mu karere ka Nyaruguru ni kuwa 14 Gashyantare 2021 ku kibuga cy'umupira Ndago. Mu karere ka Gisagara kuwa 15 Gashyantare ni kubiro by'akarere. Mu karere ka Huye ni kuwa 16 Gashyantare 2021 kuri Sitade ya Huye. Mu karere ka Nyanza ni kuwa 17 Gashyantare 2021 kuri Stade i Nyanza. Mu karere ka Ruhango ni kuwa 18 Gashyantare ku biro by'akarere. Mu karere ka Muhanga ni kuwa 19 Gashyantare kuri Sitade ya Muhanga. Mu karere ka Kamonyi ni kuwa 20 Gashyantare ku biro by'akarere.

d. **Mu ntara y'Uburengerazuba**, mu karere ka Rusizi ni kuwa 13 Gashyantare 2021 kuri sitade ya Rusizi, Mu karere ka Nyamasheke, ni kuwa 14 Gashyantare 2021 kubiro rya karere, Mu karere ka Karongi ni kuwa 15 Gashyantare 2021 ku biro bya karere ka Karongi. Mu karere ka Rutsiro ni kuwa 16 Gashyantare ku sitade ya Rutsiro. Mu karere ka Rubavu ni kuwa 17 Gashyantare 2021 ku sitade Rubavu. Mu karere ka Nyabihu, ni kuwa 18 Gashyantare 2021 ku mu kigo cya gisirikare Mukamira. Mu karere ka Ngororero ni kuwa 19 Gashyantare 2021 kuri sitade ya Ngororero.

e. **Mu ntara y'Iburasirazuba**, mu karere ka Kirehe ni kuwa 13 Gashyantare 2021 ku biro by'akarere ka Kirehe. Mu karere ka Ngoma ni kuwa 14 Gashyantare 2021, Ngoma ku kibuga cy'umupira. Mu karere ka Nyagatare ni kuwa 15 Gashyantare 2021 ku kibuga cy'umupira cya Nyagatare. Mu karere ka Gatsibo ni kuwa 16 Gashyantare 2021 ku biro by'akarere ka Gatsibo. Mu karere ka Kayonza ni kuwa 17 Gashyantare ku biro by'akarere ka Kayonza. Mu karere ka Rwamagana ni kuwa 18 Gashyantare 2021 kubiro by'akarere i Rwamagana. Mu karere ka Bugesera ni kuwa 19 Gashyantare 2021 ku kibuga cy'umupira cya Bugesera (Sitade).

5. Iri tangazo mushobora kurisoma kandi k' urubuga rwa Minisiteri y'Ingabo www.mod.gov.rw.

Bikorewe i Kigali, kuwa 05 Gashyantare 2021

RWANDA DEFENCE FORCES -FORCES -HOS-J1

**Bernard R NIYOMUGABO**
Lieutenant Colonel
Umuyobozi Mukuru Ushinzwe
Abakozi n'Ubutegetsi mu Ngabo
z'Igihugu (RDF)